

# 0027

00216503

1

**Identification** : 0027 09/06/94

**Durée** : 60 Minutes

**Qualité** : Bonne

**Transmission** : RTLM

**Nom du transcripateur** : MUSHONGANONO Beatrice

**Date de la transcription** : Le 9/8/2001

**Nom du fichier** : 0027.wpd

**Dictaphone** : Sanyo

<b>Modèle</b>	<b>TRC-8080</b>
<b>Série</b>	<b>P8806620</b>

**FACE A**

- \* Ananie parle d'une réunion qui devrait se tenir à Tunis pour chercher la solution au combat qui oppose le FPR et l'armée rwandaise
- \* Il critique des informations émises par la Radio Muhabura.
- \* Valérie parle de la réunion ci-dessus dirigée par le Général DALLAIRE, et accuse ce dernier d'être partial dans ses attributions.
- \* Elle demande au gouvernement rwandais d'être vigilant aux pièges tendus par le FPR et DALLAIRE au cours de cette réunion.

Elle parle :

- De participants à cette réunion,
- De la méchanceté des Inyenzi Inkotanyi,
- Des tueries des évêques et prêtres commis par les Inkotanyi à Kabgayi.

**FACE B**

- \* Monsieur NTAHONTUYE Léonidas demande à tous les commerçants de contribuer aux achats des armes.
- \* Il demande que les services centraux de renseignement civil et militaire dénoncent les complices et les amorphes parmi les militaires et parmi la population.
- \* Il souhaite la formation d'une équipe militaire chargé des missions suicides.
- \* Poème de Mr Léonidas dédié au défunt HABYARIMANA Juvénal et les FAR.
- \* Valérie parle des tueries commises par les Inyenzi-Inkotanyi.
- \* La population se demande si parmi les militaires il n'y a pas de complices à cause des conquêtes sporadiques par le FRP.

Face A**Orateur : NKURUNZIZA Ananiya, journaliste de la RTLM****00min00sec**

...ageze nko mu kigero cy'imyaka mirongo itanu, yirirwa mu modoka ya MINUAR agahanga yagataze, yavuze rero ko aho yagiye Inkotanyi ngo ziri, ngo yasanze hameze neza, abana bakina umupira, ngo umujyi wa ngo Kayonza ngo umeze neza, ngo ubuzima mu mujyi wa Kayonza... Unyumvire ra! Ngo umujyi wa Kayonza ngo ubuzima bumeze neza kurusha mu mujyi wa Kigali, cyokora umunyamakuru yamubajije niba koko Inkotanyi hari icyo zahakoze e..mu buryo bwo gutunganya abaturage? Ati «nabonye cyakora abantu bateranye basa n'abari muri meeting», ati «iyo meeting nkabonamo ba... hari abantu bari bambaye imyenda y'amakaki, bikaba bigaragara ko haraho bari abasirikare ba FPR batangaga ibisobanuro byo gucubya propagande itangwa n'urubande rw'u Rwanda». Ati «igitangajye rero ni iki ngiki ku munyamakuru» ati «kandi iyo meeting yarimo Abahutu n'Abatutsi». (Aseka) Ku muntu rero w'Umuzungu n'Inkotanyi ubwazo ntizemera Abahutu n'Abatutsi uretse ko iyo zigiyeye kwica zireba ku irangamuntu no ku isura naho umuzungu rero kuvuga ngo iyo meeting yarimo Abahutu n'Abatutsi ngo yabereye hirya irya za Kayonza murumva yuko uwo atari umunyamakuru ahubwo n'umupropagandiste w'Inkotanyi ni yo mpamvu..ku ruhanda rwacu tumwaganye kandi ikindi yavuze..atazi ni ukuvuga ngo Abahutu barava muri Tanzaniya bagaruka, ngo bagaruka buhoro buhoro, muri ako gace ka Kibungo.

Twavuze rero ku byerekeranye n'inama ya OUA igomba kubera i Tunis, y'abakuru b'ibihugu tuzahagararirwamo n'umukuru wacu Nyakubahwa SINDIKUBWABO, iyo nama iziga ku buryo bw'umwihariko ku kibazo cy'u Rwanda, ikibazo cy'u Rwanda gikomeje guhangayikisha abantu, Prezida Omari BONGO wa Gabon we yavuze ko u Rwanda ngo bakwiye kurushyira mu maboko ya LONI ariko..ibyo sinzi uko abyibaza, ari ibyo na we mu minsi itaha igihugu cye bagishyira mu maboko ya Loni, ahubwo ibyo tubona twebwe ni uko Abanyarwanda tugomba kurangiza ikibazo cyacu, tugahora twibuka ijamba Umukuru w'igihugu yajyaga atubwira ko «ak'imuhana kaza imvura ihise».

Kubohoza igihugu cyacu rero, reka tukibohoze tudategereje akazava muri Loni kuko akavuye muri Loni twarakabonye na MINUAR, MINUAR yongerewe ngo igihe ee... kugeza ku itariki ya cyenda y'ukwezi k'Ukubozi uyu mwaka. Nta keza kazava muri MINUAR, nta keza kazava muri OUA.

**02min04sec**

Nibagiwe kubabwira ko ba bandi b'Inyenzi bari i Tunis ubu babahaye ngo kwicara mu nama ariko bakitwa «abatumire b'Umunyamabanga Mukuru wa OUA. Biratangaje rero nta Munyabanga mukuru wa OUA wakwitumirira abantu ku giti cye OUA si iye, si urugo rwe, ahubwo OUA ni... ni iy'igi... ni iy'ibihugu byose bifite ubusugire bwabyo, nta kuntu rero yajyaga gutumira kariya gatsiko k'abagizibanabi.

**02min08sec**

Na none ku kibazo cy'u Rwanda, Alfa Omar KONARE, Prezida w'igihugu cya Mali, yavuze yuko rwose mu by'ukuri ibibazo byabereye mu Rwanda bikabura..gikemura ari isoni kuri Afrika yose.

Nagira ngo ndangirize kuri aka kantu ka Muhabura rya jwi ry'Abatutsi kuko mu by'ukuri ni bo basigaye bibwira, bakiyumva, bakikomera mu mashyi. Kera ibyitso bikiriho bitari byabanga na byo, ibyitso bikiriho ni byo byapfaga kubumva, ariko noneho ee... iyo nkoramahano y'iradio yavuze ko ngo inshingano z'Inyenzi atari izo gufata, Kigali ngo ahubwo ari zo kubohoza igihugu cyose. Birumvikana ko batibagiwe kwamagana Kantano, Kantano ukorera hano muri RTLM, kuko nabonye na we mu bibateye ubwoba arimo. Nakomereze aho, RTLM nikomereze aho. Mbibutse ko kuri ya masaha mirongo ine n'umunani bari baduhaye yo gufata KIGALI, none Muhabura ikaba ivuga y'uko gufata Kigali atari yo nshingano, ubu uyu munsu turi ku isaha y'igihumbi na magana atanu na mirongo itatu n'esheshatu. Mwirirwane na RTLM, reka mbasubize Valeriya.

***Orateur : Valeriya BEMELIKI, journaliste de la RTLM***

Ee... murakoze rero, urakoze Bwana NKURUNZIZA Ananiya, (sous un fond musical) utegejejeho ibyo amaradio yavuze n'Abanyarwanda na bo bashoboye kwikurikiranira, bamaze kubona, kubona ubugome bw'Inyenzi-Inkotanyi, nta gihe kandi tutavubuze, twabivuze kuva kera, reka neye kugumya kurambirana ngo ngire icyo mbivugaho aka kanya, ndibuze kongera kubigarukaho

mbibabwireho, mbabwire icyo tubitekerezaho nubwo nyine aya rukururu nari nashoboye kuba... kuyabaciramo muri makeya mbabwira ibintu ibyo ari byo ariko, ubu ngubu NKURUNZIZA Ananiya yabiduhaye ku buryo burambuye ariko turi buze kongera kubigarukaho tugire icyo tubivugaho

(Un bref silence). Mube rero mwumva aka karirimbo.

(Un peu de musique)

...yari yateranye, twahoze tuvuga... twibaza niba koko icyo nama iributerane, i...tuvuga tuti ishobora kuba itaribusubukurwe kubera ko twavugaga ko abagombaga kuyiyobora bo muri MINUAR bari bakiri i Naïrobi, bari bataragera ino aha» tukavugaga tuti «iriya nama ishobora kuba iribusubikwe». Ariko ntabwo yasubitswe icyo nama yaje guterana, iyoborwa na Jenerali DALLAIRE, ari we uhagarariye ingabo z'Umuryango w'Abibumbye hano mu Rwanda. Iyo nama rero urebye yagombaga kwiga ku byerekanywe no guhagarika imirwano ariko ba..ba..batandukanywe nta kintu igetzeho cy'ingenzi usibye ko koko nk'uko Ananiya yabibabwiraga DALLAIRE we yatangiye amaradiyo y'amahanga ko ngo icyo nama igikomeza, ngo kandi yageze ku bintu bishimishije. Kandi icyo nama nabwo ntabwo yigeze asobanura ibyo bintu bishimishije yagezeho ibyo ari byo. Nyamara kandi icyo nama rero ejo ikaba itarangiye imirimo yayo, ikaba iribukomeze uyu munsu ika..gira, ikigira hamwe abo ba..izo ntabwo zombi zikigira hamwe inyandiko y'imbanzirizamushinga yo guhagarika imirwano.

Tugarutse rero kuri icyo nama, icyo nama ngo iyobowe na DALLAIRE, DALLAIRE rero ntabwo, nta Munyarwanda n'umwe utamuzi, nta Munyarwanda n'umwe uyobowe ukuntu yitwaye, ukuntu yitwaye muri iki gihugu cyacu mu gihe atari yara.. atashoboye gusohozwa ubutumwa yari yarashinzwe n'Umuryango w'Abibumbye binyuze mu mutwe w'ingabo zawo MINUAR ari we wari ushinze kuziyobora. Turibuka byinshi yagiye akora, mukubikora akagenda akora agira ngo FPR ibe ari yo ishobora gu..kuba yatsinda cyangwa se yamererwa neza, cyangwa se ikagara..akagaragaza ko MINUAR igihe yabaga ikoze amakosa ko itari mu makosa. Ibi byakunze kugaragara ku ruhande rwa DALLAIRE, bigaragara igihe kinini igihe bamubwira bati «Inyenzi Inkotanyi ziriho ziratwara abantu kubigisha ibya gisirikare, Inyenzi Inkotanyi hariya twabahaye kuri CND kugira ngo bahashyire

bataillon y'abantu magana atandatu gusa bashinzwe kurinda abakuru babo twe turabona Inyenzi Inkotanyi ziriho zizana izindi nyinshi ndetse bakazana n'intwari», tuti «turabona Inyenzi Inkotanyi ziriho zikorana n'abasirikare bari muri MINUAR b'Ababiligi bagenda bashinga ibirindiro aho bashobora kuzatera umugi, tukaba tubona intambara izabyuka hano muri uyu mugwi».

DALLAIRE yateraga hejuru akavuzaga iya Bahanda ati «reka, reka, ibyo mwibivuga, mwibivuga ntabwo biriho twe dufite ibyuma kabuhariwe, ibyuma bihambaye byo kugira ngo tubone abantu n'iyi haba ari nijoro mu gicuku kimeze gite, twebwe turababona». Nyamara ibyo byose twagiye tubimubwira ntibyatizwe tariki ya gatandatu Mata bihita biba. None DALLAIRE na none ngo ni we uyoboye iriya nama. Iriya nama arayiyobora mu buhe buryo? Iyo umuntu rero ashishoje asanga Inyenzi Inkotanyi zimaze gutsindwa, zitsinzwe ndetse uruhenu n'ubwo bwose hakiri udu..udutsiko twa hamwe tw'Inyenzi Inkotanyi tugeze kuri dutanu, dutandatu aho ku mabarrières, aho hehe ibyo ari byo byose bigaragara ko Inyenzi Inkotanyi na zo ubwazo zumva ko zatsinzwe nkanswe ko n'ubundi e..Inyenzi nkuru, Inyenzi yayi..yadushumuriye izindi Nyenzi ari yo MUSEVENI na we yiyemereye ko Inyenzi Inkotanyi zidashobora gutsinda..uru rugamba. Ndetse bikageza n'aho e.. KANYERENGWE ubwe avugaga ko i..ko batahagurutse bagira ngo bafate ngo umurwa mukuru, ariko nyamara twe turibuka ko mbere hose ari byo batangazaga ko ndetse na KAGAME uriya yavugaga ko mu masaha mirongo ine n'umunani agomba ariho, kuba ariho agenda muri capitale y'u Rwanda. Ibyo rero basanga bitazabashobokera muri uko rero kutabisho..kutabashobokera bo bakajya bagashaka kugira ngo barebe na none ko bakwitwaza MINUAR nk'uko yari yarabagize, yari yarabahaye ibyo batagombaga, nk'uko yaborohereje kugira ngo imirwano ibere muri KIGALI na none bayitwaze cyane cyane binyujijwe kuri DALLAIRE wakomeje kubogamira ku Nyenzi Inkotanyi kugira ngo n'iriyi mishyikirano barimo e..itume mbese ibyo FPR isaba ari byo byubahirizwa. Aha turasanga twasaba Gouvernement y'igihugu cyacu, Gouvernement tuzi y'abatabazi ko batari bakwiye kugwa muri iriya mutego wa DALLAIRE ngo bemere byanze bikunze ibyo Inyenzi Inkotanyi zisaba mu gihe natwe ibyo dusaba Inyenzi Inkotanyi zitabyemera niba rero babyemeye ni ukuvuga ko mu by'ukuri icyo gihe cyose uzasanga ko u Rwanda rurimwo ibice bibiri cya gice kiriho tuvugaga ko kigenzurwa n'ingabo z'u Rwanda usanga kirimo Abanyarwanda benshi

cyane kandi banadushyigikiye ukazasanga hari na cya gice e..kitwa ko ngo kigenzurwa n'Inyenzi Inkotanyi usanga ko nta bantu barimo, nta bantu bahatuye, ahubwo ari imirambo yandagaye ahantu hose noneho Inyenzi ahubwo ziga...zakora uko zishoboye muribuka ko mu ntambara igice cya mbere cy'iyi ntambara, muribuka abantu bagiye bava mu byabo bagahunga Inyenzi zaragendaga zikazana impunzi zazo zo mu Bugande, zikaza zikabatuza aho hantu. Ni ukuvuga ko na none rero Inyenzi ari cyo kintu zishaka kugira ngo zizane a..impunzi zazo zo mu Bugande ari izagiye kera se cyangwa vuba zibatuze muri ako karere maze zizavuge ko aho hantu ari ahazo ko mbese hari n'abaturage kandi mu by'ukuri nta baturage bahari.

Ni ukuvuga rero ko ibyo... ibigomba kwigirirwa muri iriya nama ari ukubwitondera, bakareba impande zombi kuko ubwo bafite kwiga ibyo Inyenzi Inkotanyi zisaba, no kwiga igitekerezo cya DALLAIRE. DALLAIRE nta wumuyobewe, ntadutege imitego kuko n'ubundi ntabwo ari we wari watangiye kuyiyobora, hari undi muntu wo mu... wo muri MINUAR ni we wari watangiye kuyobora iriya nama ariko kubera ko atashoboye kuza, ubwo wenda babihaye DALLAIRE. Ariko ni ukubwitondera dore ko Abanyarwanda twasabye kenshi, twasabye igihe kinini ko uriya DALLAIRE yagenda, ko tuzi ko ari we waduteje ibi bibazo byose turimo, kuko igihe cyose yagiye agaragarizwa ibimenyetso simusiga byerekana ko intambara igiye kubera mu murwa mukuru, yagombaga na we kumva..., kumvisha Inyenzi-Inkotanyi ko ibyo bintu atari byo aho kugira ngo yiterere hejuru ahakane. Ibyo rero ni ukuvuga muri icyo nama ko abantu bari bakwiye kugenzurira hafi Jenerali DALLAIRE uriya, kuko na none ari undi mutego wo kugira ngo koko babone ko Inyenzi byabira... byazirangiriyeho bazitize undi murindi, bazishakire izindi nzira noneho zishobore kuba zagera kugufata ubwo butegetsi cyangwa se kugufata Kigali. Ibyo bintu rero ni ukubikurikiranira hafi.

Ngira ngo technicien na we adu...shyirireho noneho indirimbo tuze kugaruka tureba ba... na none uko ibintu (fond musical : «Twasezereye ingoma ya Cyami», chanson de BIKINDI Simon et son Ilindiro) na none bigiye byifata mu gihugu cyacu cyane cyane mu rwego rwa politike n'iriyi nama iriho ibera muri Tunisiziya (musique). ...intumwa zacu Gouvernement y'u rwa... yohereje intumwa za... Ministre w'Ububanyi n'ubu... u... w'Ububanyi n'Amahanga, Bwana BICAMUMPAKA Jérôme.

Ariko igitangaje bakigera aho muri Tuniziya ee... bahahuriye n'intumwa ee... za... z'Inyenzi-Inkotanyi ziyobowe n'Inyenzi y'imputu, Pasteur BIZIMUNGU. Ubwo rero habaye impaka, ejo nahoze mba... nibaza niba iyo nama ari bande baribuze kuyikurikirana muri izo ntumwa zombi, hagati y'izo ntumwa zombi. Ariko uko nabikurikiranye muri iki gitondo ku maradio y'amahanga, ni uko intumwa z'u Rwanda ziyobowe na..Ministre w'Ububanyi n'Amahanga, Bwana BICAMUMPAKA Jérôme, ni zo zemerewe kugira ngo zikuriki... zikore imirimo y'iyo nama zinayikurikirane, ariko iza FPR ngo zikaba zatumiwe gusa n'Umunyabanga Mukuru w'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika. Ntabwo rero mu by'ukuri uko twabibonye rero ee... twasanze ko na Perezida wa Repubulika, rép... Perezida w'igihugu cyacu, Nyakubahwa Docteur SINDIKUBWABO, ari na we rero ugomba kuzahagararira u Rwanda mu nama, mu nama y'abakuru b'ibihugu bigize Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika, iyo nama rero ikaba itegurwa n'iriya y' «Abaministre» b'Ububanyi n'Amahanga.

Ikintu rero kigaragara umuntu yavugaga nuko mu by'ukuri Umunyabanga Mukuru w'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika, abantu baribaza ukuntu yafashe icyemezo cyo kugira ngo atumire, atumire abo bantu... atumire izo ntumwa z'i... z'Inyenzi-Nkotanyi kugira ngo ngo zicare ngo he... ngo nk'iriya ngo zikurikirane gusa ngo zumve ibivugirwa muri iyo nama, tukibaza niba Umunyabanga Mukuru w'Umuryango w'ubumwe bw'Afurika ari we, ari we ububasha buriho wenyine bwo kugira ngo abe yatumiza izo ntumwa, bitanyuze nyine mu bantu bose bakoze uwo muryango. Ugasanga rero na none abo hantu ni aho kwitondera, n'aho kugenzurira hafi ibyo abantu bagenda bakora batabyumvikanyeho n'abandi bakumva ko mu by'ukuri FPR igomba byanze bikunze kuba niba batabemereye ariko ngo baba bicaye aho gusa bakarebera. Ibyo rero nta ho bihuriye kuko FPR ntabwo ihagarariye Gouvernement y'u Rwanda, nta Gouvernement y'u Rwanda n'imwe, n'imwe Inyenzi Inkotanyi zihagarariye. Kugira ngo rero babe bazemera ngo gukurikirana i..iyo nama na byo urasanga nta ha..., nta ho bihuriye.

Ikindi na none ni uko kugira ngo iyo nama ibe yemeje ko intumwa ziyobowe na Ministre w'Ububanyi n'Amahanga w'iki gihugu cyacu, Bwana Jérôme BICAMUMPAKA, ari we ugira

uruhare muri icyo nama e... ndetse Nyakubahwa Perezida wa Repubilika yacu, Docteur SINDIKUBWABO Théodore akazajya no muri icyo nama n'inama izahuza Abaministre i.n'inama izahuza Abaperezida nako b'ibihugu by' Afurika bigize Umuryango w'Ubumwe bw' Afurika, biragaragara ko Gouvernement yacu ndetse na Perezida wacu bemewe n'amahanga. icyo kintu ni ikintu na none kigaragara, kigaragaza ko amahanga, imiryango mpuzamahanga aba... e... ibyo byose biriho byemera Gouvernement yacu ndetse bakaba banemera Perezida wa Repubilika yacu. Bikaba bi... bisobanura rero ko Gouvernement za... yacu yari ikwiye gukora ku mugaragaro, igakora uko ishoboye ndetse ikava mu kintu cy'ubwoba, ukumva ko koko ihagarariye u Rwanda, ihagarariye Abanyarwanda, ahantu hose kuko bariho bayemera.

**16min02sec**

Bikaba bigaragaye rero niba Inyenzi-Inkotanyi zivuga ko zitemeye iriya Gouvernement, ibyo ni akazi kazo, ku... icyo dupfa nuko amahanga atwemera aha... yemera Gouvernement, yacu kandi ko Gouvernement koko ihagararira Abanyarwanda, kugeza ubu kandi ikaba yarabikoze neza, ikaba yaranabyitwayemo neza. Inyenzi-Inkotanyi rero nizishaka nyine zimenagure umutwe, zimenagure umutwe kuko nta kundi byagenda, nta yindi Gouvernement ihari ihagarariye Abanyarwanda bose, nkanswe ko igice kinini, igice kinini Gouvernement yacu ikoreramo ingabo z'u Rwanda zihagazemo, usanga ko Abanyarwanda benshi ariho... ariho bari, ariko kandi icyo Gouvernement ikaba ihagarariye igihugu cyose. Inyenzi-Inkotanyi rero niba zitayemeye ibyo ni akazi kazo zimenagure umutwe cyangwa zihakenye amenyo ziyamarire mu nda, icyo twe tubona ni uko iriya Gouvernement yemewe, yemewe n'amahanga ndetse na Perezida wacu akaba yemewe. Dore ko n'ubundi intumwa zacu ziragenda aho zigiye hose zirakirwa ntayihetzwa, nta ntumwa zacu zihezwa zirakirwa zikavuga ikibazo cyacu, ki... zikavuga uko giteye ugasanga amahanga ariho arasobanukirwa dore ko mbere Inyenzi-Inkotanyi zari zarayapfutse umutima n'amatwi n'amaso ugasanga noneho i...ayo mahanga gusa arumva ibyo Inyenzi Inkotanyi ziyabwira.

Ariko kuva aho intumwa zacu zihagurukiye zigafata akabando zikagenda mu bigugu byinshi, zikagenda zisobanura ikibazo cy'u Rwanda, urasanga abenshi babyumva ndetse n'Imiryango imwe

ishinzwe ku... Kurengera Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, mwiyumviye ko yatangiye gushyira mu majwi Inyenzi-Inkotanyi no kugaragaza ubugome bwazo.

Iki cy'ubugome turibuze kukigarukaho mu kanya ariko babanze badushyirireho umuziki nyuma ndibuze kubabwira rero ku byerekeranye n'ubugome, n'ubwicanyi buteye isoni bw'Inyenzi Inkotanyi. (musique)

... uwo muntu, abo bantu bagakomeza bakigendera. Nyamara rero, nyamara rero Inyenzi-Inkotanyi, ntabwo ari ko bimeze na bo murumva ko kugira ngo bave muri Komine MUHAZI bagere hano i Kigali ee... bahagenze iminsi makumyabiri n'itandatu yose bagenda banyura mu nzira na zo zitari zo zo kugenda bashakishiriza, bapfumurira mu bi..mu mi..mu bigunda, bagenda bapfumurira mu mibyuko. Impamvu nta yindi nuko nyine bari bazi ubugome bw'Inyenzi-Inkotanyi bavuga bati «nitunyura mu nzira zigaragara turahura nazo zitugirire nabi». Iyo agiye na yo bahuraga yabaga iri mu modoka, iriho igenda ifite indi mission, ariko na zo nyine bahuriye hehe? Bahuriye mu mihanda ya hariya, ya hariya za Remera, ee... za Kacyiru, za Kanombe, ari uko mbese ubona ko bageze i Kigali, bari mu mihanda ya makadamu, iyi ngiyi ya Kicukiro. Aho ngaho rero impanvu nuko nyine abo bantu ubwo babaga ba... e... bariho bajya mu byerekeranye n'imirwano bafite ubundi butumwa noneho ntibiteho kureba abo bantu. Ariko icyo tuzi cyo ni uko na none ee... Bourggmestre wa Komine Muhazi yagaragaje ubugome, ubugome yagiye abonana Inyenzi-Inkotanyi, na we ubwe yivugiye ko zamuroshye mu mazi, mu ruzi, muri kirya kiyaga cya Muhazi inshuro ebyiri zose, ariko nyine uw'Imana itaravanaho amaboko ntiyagira icyo aba ashobora kurokoka, akoga akavamo.

**19min08sec**

Yatugaragaje ukuntu Inyenzi-Inkotanyi zishe abantu zimaze kubazirika amaboko aka... bakayazirikira inyuma, barangiza bakaka... bakabakubita udufuni. Ibyo na byo yarabitugaragarije atubwira ati «n'ubu, n'ubu uwagira ati «naze tugende» tujye... namwereka ukuntu Inyenzi ari abagome, ukuntu Inyenzi ari abicanyi. Batubwiye ukuntu bafataga ababyeyi batwite bakabakubita agafuni mu mutwe bamara kubakubita agafuni mu mutwe bakabasatura inda bakabakuramo wa mwana, wa mwana na we bakamushyira aho hasi na we bakamwica, bakamusatura kandi bakaba...

ibyo bakabikora imbere y'abandi babyeyi ku buryo na bo mbese bumvaga nta buzima bagifite, bumva ko na bo ari cyo kibategereje.

Mwiyumve rero ukuntu baroshye ababyeyi bari bahetse n'abana bakabaroha mu kiyaga cya Ki..cya Muhazi ku buryo na n'ubu bemeza ko imirambo ikireremba hejuru y'ayo mazi ndetse nababwiraga ko n'imirambo imwe imigezi yagiye iyijyana, cyane cyane Akagera, Akagera kakayijyana kakayita mu... mu kiyaga cya Victoria mu Bugande. Ku buryo ndetse n'imwe igomba kuba ikomeza ikanyura muri wa mugezi wa Nil ku buryo n'Abanyaburayi bagomba kuba bariho babona imwe muri iyo mrimbo yijugunya mu kiyaga cya Méditerranée.

Murumva rero ubugome bw'Inyenzi ntabwo bufite igaruriro. Ubugome bw'Inyenzi bukizwa nuko na zo zashira, zapfa zigashira, zikavaho. Ntabwo twakwiyibagiza na none inkuru twabyutse twumva muri iki gitondo, inkuru y'incamugongo, inkuru na none igaragaza ko Inyenzi-Inkotanyi zibasira Umuhutu uwo ari we wese, cyangwa se n'Umututsi utavuga rumwe na we. Ntabwo twakwiyibagiza ukuntu Inyenzi zashungutse za... mu... Mutara hose, zikamanuka ari ko zigenda zica abantu, zikamanuka zikagera za Rukara, za Muramba za Rukara, za Muhazi iyo yose, zikagenda zica abantu zibica urubozo, ntabwo twakwiyibagiza ukuntu zageze za Kayonza, za Rwamagana, za Kibungo, kugera za Rusumo ndetse ziriho zigenda ziyogoza igihugu zica abantu urubozo. Ubwo zigakomeza zigafata za Zaza zikambukira na za Sake zikagera mu Bugesera, mu Bugesera naho aho zishe, zikica na n'ubu abantu bakaba bibaza niba icyaha cy'ubwicanyi gishobora kuzaha..kuzahabwa imbabazi kugira ngo Inyenzi Inkotanyi zihanagurweho kiriya cyaha. Ibi ni ibintu bidashoboka ku buryo nababwiraga ko mu byo natwe tugomba ku..gusaba Inyenzi-Inkotanyi, tugomba kuzumvisha kuko si ukuzisaba kuzitegeka nuko zakwera amarorerwa y'ubwicanyi zakoreye iki gihugu. Ntabwo rero iriya nama ihuje intumwa z'abasirikare bacu n'intumwa z'abasirikare zabo yagombye kurangira natwe tuta..tutagaragaje ko Inyenzi-Inkotanyi ari abicanyi kandi ko zigomba kubyemera dore ko zatangiye kubihakana ariko intumwa zacu zabereka inyandiko, zikaruca zikarumira. Na zo kandi ziyemereye ko ari abicanyi, izo na zo Inyenzi zabyiyemereye kuko kuva zava mu Bugesera aho zayogoje ibintu zasatiriye akarere ka Mayaga ngaho mu Makomine amwe ya Butare arimo Muyira na Ntyazo, ngizo

Komine zimwe e..za Gitarama, ngizo za Ntongwe kugera muri za Nyamabuye ndetse ku buryo aho i Nyamabuye zagiye zikagera ndetse ku bigo by'abihaye Imana i Kabgayi ahari hateraniye Abasenyeri bari mu nama. Aho rero Inyenzi-Inkotanyi ziyemereye ko zishe abo basenyeri ndetse bari kumwe n'abapadiri icumi. Abo basenyeri mwumvisemo ko harimwo Archêvêque wa Kigali Musenyeri Nsengiyumva Visenti, hakaba harimo ndetse na Musenyeri Nsengiyumva Tadeyo akaba yari Umusenyeri wa Diyoseze ya Kabgayi, hakaba harimo na Musenyeri Ruzindana Yozefu wari Musenyeri wa Diyoseze ya Byumba, ndetse hakaba harimwo n'u..na Musenyeri Gasabwoba Inosenti. Abo Basenyeri bakaba baraborosheho abandi Bapadiri bagera ku icumi.

Mwumve ubugome bw'Inyenzi-Inkotanyi aho buherereye. Nyamara muri kwa kuyobya uburari kwabo, muri kwa kugira akarimi kabarenze, muri kwa kuvuga ko bazabeshya amahanga kuzageza bashize ku isi nyamara bikaba biriho bigaragara ko bavumbuwe bo rero bavuze ko ubundi ngo abo Basenyeri n'abo Bapadiri bari barinzwe ngo n'Inyenzi zigeze ku munani. Ni ibisobanuro Inyenzi zatanze usanga ko atari byo. Noneho ngo abo..Inyenzi umunani zari zibarinze havuyemo ngo bane, bane ngo bica abo bihaye Imana. Bamaze kubica a..Inyenzi enye zindi zisigaye zibonye ko ngo izo Inyenzi enye zishe Abasenyeri na zo ari abagizibanabi ngo... na bo zirabica. **25min02sec**

(Aseeka) Ariko mwumve amayeri (arasetse) Inyenzi-Inkotanyi zumva ko zaminuje mu kubeshya, zikumva ko zizagumya kubeshya abantu ngo zikabe... bakabemerera. Twebwe ibyo bintu twumva rero tutashobora gukomeza kubeshywa kugeza ryari, Inyenzi izo ari zo zose zose ni ingome, guhera kuri KAGAME muzi usigaye yarihaye izina rya KAGOME u..byose twese ni ko tubibona kandi iyo dutekereje n'ukuntu abantu bicwa usanga bitumvikana, ni ibiri amambo mwabonye ni ukuntu muri abo bantu bishwe ngo harimo na Musenyeri GASABWOYA Inosenti, nyamara uriya Musenyeri twagiye dusanga akenshi hari amagambo yagiye avuga nda... ndibuka ko mu minsi yashize mu kwezi kwa gatatu ahari bigeze kubagezaho inyandiko uriya Musenyeri yasohoye, ayisohora muri Kinyamateka ntabwo nkibuka keza nimeru y'icyo Kinyamateka ayisohora..avuga, agaragaza ubutwari bwa HABYARIMANA, agaragaza ko ari umubyeyi w'amahoro. Iyo nyandiko ndumva narayibasomeye, nza kubigaragaza ndetse ari na bwo twamusabaga tuti «koko iyi nyandiko ni nziza,

kubona umuntu ureba kure akabona ibintu byose uko byifashe, agatinyuka akandika nk'iyi»,  
tuku..tumusaba ko yakora uko ashoboye akandika indi nyandiko yahamagariza Inyenzi Inkotanyi,  
yahamagariza abantu bose bumva ko byanze bikunze a.. umuvu w'amaraso ari wo ugomba gutemba  
muri iki gihugu kugira ngo bose bagire urukundo rwa Kristu, kugira ngo bibumbire hamwe  
barengere igihugu cyabo, bakorere igihugu cyabo, bafatanye kucyubaka, aho kugira ngo  
bagicagagure. Iyo nyandiko rero naje kuyibasomera mu kwezi kwa gatatu, yasohotse mu  
kinyamakuru, icyo gihe yayisohoye hari kuri yubile y'imyaka mirongo itanu, y'u... ya  
Nyakwigendera Nyakubahwa Jenerali Majoro HABYARIMANA Yuvenali. Iyo nyandiko na yo naje  
kuyiba...somera.

Inyenzi-Inkotanyi rero, umuntu wese utavuga rumwe na zo yaba Umuhutu, yaba Umututsi,  
zirahuranya. Mwiyumviye ukuntu zahamagaje, ibi na none ni Burugumestre wa Komine Muhazi  
wabidutangarije, ukuntu zageze muri zo, muri za Komine za Rubungo, za Bicumbi nonho ziga...  
bagahamagara abantu bosc bayobotse ishyaka rya MDR, n'ishyaka rya PL. Bahamagara abagabo  
bose, abasore bosc, bafite... bageje...bari bageze kuri ijana na makumyabiri nonho abasaba kugira...  
babasaba kugira ngo bige imbunda nibamara kwiga imbunda mbese birare mu baturage babice.

Muzi ukuntu bafatanye urunana kugira ngo batsembe, batsembe Abahutu bari be... basigaye.  
Nyamara baragarutse aho kugira ngo babishimirwe, Inyenzi-Inkotanyi zitangira kubakina ku  
mubyimba, zitangira kubaseka zivuga ngo «mbega Ibihutu by'ibicucu». Bati «baraboshya kwica bene  
wanyu namwe mugashyekerwa mukica. Nyamara na bo mwiyumviye icyababayeho, nuko ba Bahutu  
bose, ba bagabo bosc bari bageze kuri ijana na makumyabiri bosc babasutseho urusasu, babamishaho  
urusasu babatsinda aho, usibye ngo mirongo ine bashoboye kwiruka, abandi mirongo inani bosc  
babatsinze aho ngaho.

**28min05sec**

Nimwumve rero ubugome bukabije, ubugome bw'Inyenzi Inkotanyi ndetse Abahutu twari dukwiye  
gukwiramo, gukuramo isomo, isomo rihambaye ryo kugira ngo tweye kujya twumva akarimi  
karyohereye, akarimi kinjira mu gutwi k'Inyenzi-Inkotanyi, tubanze tujye dutekereza ku byo zishaka

gukora kuko ubugome bwazo atari ubwa none gusa ari ubwa kera kandi ubugome twumva ko budashobora kuzarangira.

Mwiyumviye rero ukuntu abo Basenyeri bishwe, bakicwa mu by'ukuri, tugaragaza ko, ko iyo baza kubona koko Archêvêque wa Kigali Musenyeri NSENGIYUMVA Visenti batari kumwihorera, ntabwo tuyobewe ukuntu ingirwaradio yabo, gacuma k'amagambo kahoraga kamwikoma, kamutuka, kagira gute, si ukuvuga rero ko iyo baza guhura na we batari kumwica. Ibi byo twumva ko twebwe kuba baramwishe si igitangaza kuko bahereye kera bamutuka, zimutuka, zigaragaza ko mbese atari umuntu wihaye Imana, zimusuzugura ibi nta gitangaza kirimo. Ikindi abandi bose ba..bazize ni iki? Bazize nyine ko ari Abahutu, bazize ubuhutu bwabo bati «reka na bariya tubamareho». GASABWOYA na we, Musenyeri GASABWOYA, icyo yaba yazize igomba kuba ari iyo nyandiko byanze bikunze, ashobora kuba ya..yazize nubwo bwose nta... nta kintu kivuga kiti ni iyo nyandiko ariko twakomeje kuyifataho urugero tugaragaza koko ko ari inyandiko ishaka kubaka, inyandiko ivugira abantu benshi, turayibaragariza ariko na we nyine birumvikana ko niba yaragumye ino aha bagasanga ari muzima, bakunze kubigaragaza ko buriya atavuga rumwe na bo bikaba bigaragara ko ari cyo bamujije.

Ubwo rero ntabwo Inyenzi-Inkotanyi twakumva ko ari abantu koko bashyira mu kuri, ahubwo ni abagome bazahora bica, n'igihe bizagera ryari bazagumya batwiraremo bice abantu niyo bakora amasezerano ameze ate, nta na nirmwe batayaciye inyuma ngo birare mu baturarwanda babice. Ubwo rero nagira ngo technicien wacu abe adushyiriyeho indirimbo turi buze kongera guhura mu kanya.

**30min06sec**

**Fin de la face A.**

**FACE B*****Orateur : GAHIGI Gaspard, rédacteur en chef de la RTLM*****01min02sec**

